**SEBIZIGA, Urugereko Rwihariye mSEBIZIGA, Urugereko Rwihariye mu Rukiko Rwa Mbere Rw'Iremezo Rwa Nyamata, 28.10.1997**

**MINISTERE PUBLIC C/ SEBIZIGA JASON ET CSRTS**
**NYAMATA, 28/10/1997**

**RMP N° 101743/S1/BA/NMTA**
**RP 020/97/cs/NMTA Kgli**

**URUGEREKO RWIHARIYE MU RUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA NYAMATA, RURI I NYAMATA, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'ITSEMBA-BWOKO N'ITSEMBATSEMBA N'IBINDI BYAHA BYIBASIYE INYOKO-MUNTU RWAKIJIJE URUBANZA RP 020/97/CS/NMTA /Gde MU BURYO BUKURIKIRA :**

**IKIZA RY'URUBANZA MU RUHAME RYO KUWA 28/10/1997.**

UMWIRONDORO W'ABASHINJWA :

1. SEBIZIGA Yasoni mwene RWABINIGA na NYIRANZIZA wavutse 1940 avukira Musange Gikongoro akaba atuye Murama RUTONDE Ngenda- Kigali?Ngali arubatse, ni se w'abana 9, Konseye wa Rutonde utagira icyo atunze, kandi ufunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 22/l/1997.

2.MAGURU Yohani Batisita mwene RUBUZINDA na MUKAWERA wavutse 1951 avukira Shami ? Rutonde ? Ngenda ? Kigali?Ngali akaba ari naho atuye, arubatse, se w'umwana umwe, umuhinzi utagira icyo atunze kandi ufunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 22/l/1997.

3. HAVUGIYMA François mwene RUBYANDALI na NYIRAMISAGO, wavutse 1966 avukira Shami- Rutonde, selire Rusamaza, NGenda, Kigali? NGALI, akaba ari naho atuye, arubatse ni se wéabana 3 umuhinzi utagira icyo atunze kandi ufunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 23/l/1997.

4. NTIRENGANYA Venuste alias NTEMBAGARE mwene MUHASHYI na MUKANDEKEZI wavutse 1975avukira Rusamaza ? Rutonde ? Ngenda ? Kigali?Ngali, ingaragu utagira icyo atunze kandi afunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 23/l/1997.

5. LYIVUZE Saveri mwene NTABUTAKABONA na NARAMR wavutse 1970 avukira Shami ? Rutonde Ngenda ? Kigali?Ngali, akaba ari naho atuye, arubatse se w'abana 3 umuhinzi utagira icyo atunze kandi afunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 22/l/1997.

6. MBARUSHIMANA Matusela mwene MUNYAKAYANZA Eliakima na NYIRANSHUTI Bertine wavutse 1967 avukira Mwendo, Perefegitura Kibuye, akaba atuye Rutonde Selire Kankuringoma, arubatse ni se w'abana 2, umuhinzi utagira icyo atunze kandi ufunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 1/2/97.

II. IBYO BAREGWA

1.Kuba bari i Rutonde, Komini Ngenda, Perefegitura ya Kigali-Ngali mu Rwanda, ku mataliki ataramenyekanye neza, ali hagati ya 7 Mata na 15 Gicurasi 1994 nk'uko byari bimeze mu Rwanda hose icyo gihe, mu gushyira mu bikorwa umugambi waliho wo gutsemba abatutsi n'abahutu batavugaga rumwe na Leta yari iriho ali gatozi, bafatanyije cyangwa se bamwe ali ibyitso by'abandi nk'uko biteganywa n'ingingo za 89, 90 na 91 z'igitabo cya mbere cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, babishaka kandi ku bw'ubugome balishe abaturage b'abatutsi babaziza gusa ko ali abatutsi.

Kuli SEBIZIGA Yasoni wenyine :

Kuba muri ibyo bihe n'ahantu hamwe yitwaje umwanya w'ubuyobozi mu rwego rwa Segiteri ya Rutonde yohereje abaturage b'abahutu kwica bagenzi babo b'abatutsi. Icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba giteganywa kandi gihanishwa itegeko?Teka n°08/75 ryo kuwa 12/2/1975 n'Itegeko?Ngenga n°08/96 ryo kuwa 30/8/96.

B. Kuba bali ahantu hamwe, igihe kimwe no ku buryo bumwe n'ubwavuzwe haruguru barishe abaturage b'abatutsi, babishaka kandi babitekerejeho igihe gihagije : Icyaha cy'ubufatanya?cyaha, cy'ubuhotozi : ingingo za 89, 90, 91 na 312 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

C. Kuba bari hamwe, mu bihe bimwe no ku buryo bumwe n'ibyavuzwe haruguru, bafatanije gukora icyaha kiyogoza igihugu giteganwa kandi gihanwa n'ingingo ya 169 y'igitabo cya 2 cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

D.Kuba Sebiziga Yohani ali aho hantu nanone muli ibyo bihe yarakomerekeje abishaka SINGAYIRIMANA, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 318 igika cya 2 y' igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

E. Kuba nanone Sebiziga Yohani ali aho hantu nanone mu bihe bimwe n'ibyavuzwe haruguru yari atunze imbunda ku buryo butemewe n'amategeko, icyaha gitaganywa kandi gihanishwa itegeko-teka n° 12/79 ryo kuwa 7/5/1979.

URUKIKO :

RUMAZE kubona ibarwa ya Prokireri wa Repubulika n° 45/D10/A/Proré yo kuwa 2/5/1997 yandikiye Perezida w'Urugereko Rwihariye mu Rukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Nyamata amwoherereza dosiye y'urubanza RP N° 101743/S1/BA/Mnta ya SEBIZIGA Yasoni na bagenzi be, amusaba ngo ruzaburanishwe ;

RUMAZE kubona ko iyo dosiye yanditswe mu gitabo cy'ibirego by'itsembabwoko n'itsembatsemba cy'Urugereko rwihariye rwo mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Nyamata kuri RP N° 020/97/CS/Nmta/Gde ; nyuma Perezida warwo agafata icyemezo cy'uko iburanishwa kuwa 20/10/97, uwo munsi ukamenyeshwa ushinjwa n'ubushinja-cyaha ;

RUMAZE kubona ko uwo munsi ugeze, abashinjwa bitabye Urugereko Rwihariye nk'uko babimenyeshejwe n'urubanza rukaburanishirizwa mu ruhame, abashinjwa biburanira ku giti

cyabo, ubushinja-cyaha buhagarariwe na Balinda Anastase, na Kagwa, Abashinja ba Mbere mu Rugereko Rwihariye rwa Nyamata.

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha bushinja SEBIZIGA Yasoni, MAGURU, HAVUGIMANA, NTIRENGANYA, RYIVUZE, na MBARUSHIMANA, ibyaha by'Itsembabwoko n'itsembatsemba nk'uko biteganywa n'amategeko; Itegeko-teka n° 08/75 ryo kuwa 12/02/1975; Ingingo ya 2 y'amategeko agenga Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho kuzacira imanza abakoze itsembabwoko n'itsembatsemba mu Rwanda ;
Ingingo ya 2 y'Itegeko-Ngenga n° 08/90 ryo kuwa 30/08/1996 ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA Yasoni, MAGURU, HAVUGIMANA, NTIRENGANYA, RYIVUZE na MBARUSHIMANAAbakurikiranywaho icyaha cy'ubufatanya-cyaha bw'ubuhotozi giteganwa n'ingingo ya 91, 312 z'igitabo cy'amategeko ahana mu Rwanda ;

RUMAZE kumva abashinjwa icyaha kiyogoza igihugu giteganywa kandi gihanywa n'ingingo ya 168 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana mu Rwanda ;

RUMAZE kumva kuri Sebiziga wenyine yarakomerekeje abishaka SINGAYIRIMANA, icyaha gihanishwa ingingo ya 318, igika cya 2 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA ko yari atunze imbunda mu buryo buemawe n'amategeko : Icyaha giteganywa kandi kiganishwa Itegeko-teka n° 12/79 ryo kuwa 7/5/1979 ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA avuga ko ataburana ngo dosiye ye ni impimbano, impapuro yabarijweho mu iperereza yashyizeho umuko,no atazzibonye ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha buvuga ko dosiye atari impimbano ; kubera ko impapuro yabarijweho zitangwa mu nzego z'iperereza zibigenewe ;

RUMAZE kumva akomeza kuvuga ko ataburana ngo yashatwe umuhagararira, akaba yari afite igihe gihagije cyo kuba yaramushakishije atari impamvu zituma urubanza rusubikwa

RUMAZE kumva na none SEBIZIGA avuga ko iminsi yo kwiga dosiye itari ihagije : iminsi 4 ;

RUMAZE kumva MAGURU Jean Baptiste umwe mu baburana yiyemerera neza ko ltsembatsemba ritangira, ryatangijwe na Konseye SEBIZIGA mu gihe yateye icyuma SINGAYIRIMANA ku mugaragaro kugira ngo bibere abaturage urugero rwo kwica ;

RUMAZE kumva na none NTIREGANYA Venuste avuga ko Konseye SEBIZIGA ariwe watanze itegeko ryo gukura amato mu ruzi ngo abatutsi batambuka bagahungira i Burundi ;

RUMAZE kumva Havugimana yemera ko SEBIZIGA ari we wabashishikarije gutsemba abatutsi n'abahutu batavugaga rumwe nabo ;

RUMAZE kumva RYIVUZE yemera ko SEBIZIGA ari we wakomye imbarutso atera icyuma SINGAYIRIMANA amukuye mu ruzi ;

RUMAZE kumva MBARUSHIMANA yemera na none ko Konsoye SEBIZIGA ari we wateguye ubwicanyi akanabugaragaza atera umuntu icyuma ngo bibere abaturage urugero ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA yanga kwiregura ku byo bagenzi be bamushinja, agakomeza avuga ko dosiye ye ari impimbano ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha busaba ko habazwa abagabo biboneye ku mugagaragaro ibyo Konseye SEBIZIGA yakoze ;

RUMAZE kumva umugabo DUSABIMANA Jean Pierre yemEza ko ku italiki ya 8/Mata/94, SEBIZIGA yaje mu modoka ya MURANGWA Justin agakoresha inama avuga ati : "Nta bindi umunsi ni uyu wo kwica abatutsi", ari nabwo yateraga SINGAYIRIMANA inkota hanyuma abaturage bagakomeza gushyira mu bikorwa umugambi wo kwica abatutsi, ubwo ni bwo bishe BUTERA, Jeanne, RYIVUZE wari wihishe kwa KONSOLATA;

RUMAZE kumva HANYURWUMUTIMA Innocent avuga ko ubwe yibonoye igitero cyari cyiyobowe na SEBIZIGA kikica se, nyina na barumuna be batanu(5) ;

RUMAZE kumva MUKANTWALI Liberata yemeza neza ko yibonoye SEBIZIGA ku ga centre k'iwabo avuga ati : "ntimuzi ibyo muri 59?" aba azamuye inkota ayitera mwene RUGANGARE, ubwo abandi bahita batangira kwica. Muri icyo gihe hapfa MASANDARI, ANDEREYA n'abandi bensshi ;

RUMAZE kumva na none MUKANTWARI akomeza imvugo ya SEBIZIGA ati : "ntimukarye inka cyangwa ngo musahure iby'umuntu mutarica", kugirango abashishikarize kwica bibahesha kurya imitungo y'abandi nta nkurikizi ;

RUMAZE kumva uwitwa ZIGAMA Jean Damascène avuga ko mu kwakira 93, yaremesheje inama i Rutonde ngo : "umututsi wese ni inkotanyi kandi ko bagiye kumara abahutu" ;

RUMAZE kumva kandi ZIGAMA Jean Damamène akomeza avuga ati : "abahutu bose bo muri Segiteri ye bagomba gufata imipanga bakica". Avuye muri iyo nama yahise amanukana n'abambari be bakica abo mu muryango wa ZIGAMA ;

RUMAZE kumva N.MBARUSHIMANA Annociata yemeza ko italiki ya 08 Mata, SEBIZIGA yaje mu modoka ya GAKUMBA muri Segiteri Rusamaza aravuga ati : abandi bakoze dore urugerero ni inkota yateye SINGAYIRIMANA ati namwe mukomereze aho. Muri ako kanya bamanura RYIVUZE murumuna wa SINGAYILIMANA bamuhondera haruguru y'urugo ;

RUMAZE kumva RUTABURINGOGA Michel ashimangira imvugo yavuzwe na N.MBARUSHIMANA ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA akomeza ahakana ko ataburana hakomeza habazwa aba bakurikira :

RUMAZE kumva MAGURU Jean Baptiste yiyemerera ko bakuye amato mu ruzi ariko kugeza ubu atiyumvisha impamvu yo kuyakura mu ruzi ;

RUMAZE kumva MAGURU avuga ko yicishije BUTERA ariko akajya kugwa mu gitero kiri mu nzira yamunyujijemo ;

RUMAZE kumva N.MBARUSHIMANA Anonciata ahamya ko BUTERA yajyanywe na MAGURU na BUHINJA ngo bagiye gukura amato bamwizeza ko bamwambutsa akajya i Burundi ; nyuma bakamujyana kwa MAZIMPAKA bamucunaguza ngo niyongere ajye kwiga imbunda avugire no kuri message ahamagare inkotanyi, maze bakaza kumwica ;

RUMAZE kumva NYIRAMBARUSHIMANA akomeza avuga ko ubugome bwa MAGURU ari ubwa 93 ubwo yazaga kubahiga mu rugo abaza ko BUTERA ragiye, ngo yatumwe na Konseye ;

RUMAZE kumva RUTABURINGOGA Michel yemeza ko MAGURU na BUHINJA aribo bajyanye BUTERA ngo bagiye kumwambutsa maze bakamushyikiriza MAZIMPAKA akamwica ;

RUMAZE kumva NIYIBIZI yemeza ko MAGURU na BUHINJA bazamukanye BUTERA akavuga ko BUERA amaze gupfa MAGURU yazanye na bagenzi be kumuhembesha ngo bakize muramu we ;

RUMAZE kumva NTIRENGANYA Venuste yiyemerera ko bagiye gukura amato mu ruzi ku iteguko rya Konseye;

RUMAZE kumva NTIRENGANYA yemeza ko yishimiye ko Urukiko rwageze ku baturage bo mu nzego zo hasi kugira ngo ruhakure ukuri kugaragara ku byabereye muri Segiteri yabo ;

RUMAZE kumva N.MBARUSHIMANA yemeza ko NTIRENGANYA alias NTEMBAGARE yari mu gitero cyishe IRYIVUZE ;

RUMAZE kumva NTAHIREMEYE Marie yemeza ko NTIRENGANYA yari mu gitero cyishe IRYIVUZE akanabwira bagenzi be ngo :"barandure urwiri" ;

RUMAZE kumva NTAHIREMEYE Marie atahungaga ko atari mu bahunga akanabasaba kumwica, bakanga ;

RUMAZE kumva RYIVUZE Xavier yiyemerera ko yabonye aho NKAKA na MAZIMPAKA bata Butera mu ruzi, NKAKA amaze kumutema ;

RUMAZE kumva RYIVUZE Xavier asaba imbabazi ngo ko yabonye aho bata Butera mu ruzi ;

RUMAZE kumva N. MBARUSHIMANA yemeza ko RYIVUZE yari mu bishe BUTERA .

RUMAZE kumva HAVUGIMANA yihakana urupfu rwa N. NDEGEYA ashingiye ko abagabo bari baturanye nawe batamumushinja, akaba amushinjwa n'uvuye mu yindi selire;
RUMAZE kumva HAVUGIMANA avuga ko urupfu rwa N.NDEGEYA bavuga ngo yaramufashe amushyira umutwa witwa NZITUNGA akamwica atabyemera, ari ukumubeshyera ;

RUMAZE kumva HAVUGIMANA yiyemerera ko yagiye gukura amato mu ruzi ;

RUMAZE kumva MBARUSHIMANA Matusela yiyemerera ko yazamukanye n'abishe BUTERA, - NKAKA, - GASASIRA, - RYIVUZE; yumva NKAKA yigamba ngo "Ndamwishe" ;

RUMAZE kumva RYIVUZE ahamya ko MBARUSHIMANA ari we wazanye ikote rya BUTERA amaze gupfa ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA avuga ko ataburanye ngo dosiye ni impimbano ;

RUMAZE kumva MAGURU Jean Baptiste ahakana ko atari mu bishe BUTERA, akavuga ko BUTERA yaguye mu gitero cya MAZIMPAKA .

RUMAZE kumva NTIRENGANYA avuga ko mu rupfu rwa RYIVUZE ashinjwa, nta hantu hagaragaza ko yamukubise ifuni ;

RUMAZE kumva NTIRENGANYA akomeza avuga ko hari icyo bapfa mbere y'intambara ngo kuba barateye imodoka ya Burugumesitiri amabuye, nyuma bakaza gufungwa ngo NTIRENGANYA akaba ariwe wareze BUTERA nawe agafungwa ;

RUMAZE kumva RYIVUZE Xavier yiyemerera ko BUTERA apfa yari ahari, ariko ngo ntacyo yakoze ;

RUMAZE kumva MBARUSHIMANA avuga ko ngo bamubeshyera ngo umurambo wa BUTERA atawubonye, akavuga ko ngo n'ikote ataribonye ;

RUMAZE kumva MBARUSHIMANA yemaza ko yasanze NKAKA, - RYIVUZE - GASASIRA bagiye kwica BUTERA nyuma NKAKA akanamwica mu maso ya MBARUSHIMANA ;

RUMAZE kumva HAVUGIMANA ahakana urupfu rwa NYIRANDEGEYA ashinjwa ko atanazi uko yapfuye ;

RUMAZE kumva avuga ko inyandiko-mvugo yakozwe ku byrekeye urwo rupfu ari impimbano ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha buregera indishyi z'abantu batamenyekanye n'ibintu byasahuwe n'amatungo yariwe zingana na 2.000.000.000 (miliyari ebyiri) z'amafaranga y'u Rwanda ;

RUMAZE kumva na none HANYURWUMUTIMA Innocent aregera indishyi Miliyoni mirongo itatu n'eshanu z'abantu n'ibintu bye byarigiritse (35.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva MUKANTWALI Liberata aregera indishyi zingana na miliyoni mirongo atanu (500.000.00OFrw) ;

RUMAZE kumva ZIGAMA Jean Damascène aregera indishyi zingana na Miliyoni mirongo itanu (50.000.00OFrw) ;

RUMAZE kumva NIYIBIZI aregera indishyi zingana na Miliyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw)

RUMAZE kumva na none NYIRAMBARUSHIMANA Annonciata aregera indishyi zingana na miliyoni mirongo itandatu (60.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva kandi RUTABURINGONGA Michel aregera indishyi zingana na 20.000.000 Frw (miliyoni makunyabiri) ;

RUMAZE kumva na none UKUBEREYIMFURA Stéphanie aregera indishyi zingana na Miliyoni mirongo irindwi(70.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva KARAMAGA Innocent aregera indishyi zingana na miliyoni ijana (100.000.000 Frw)

RUMAZE kumva BAYIMAMA Célestin aregera indishyi zingana na ibihumbi magana inani(800.000Frw) ;

RUMAZE kumva MUKASHYAKA Polina aregera indishyi zingana na Miliyoni mirango itandatu (60.000.000Frw) ;

RUMAZE kumva NTAHIREMEYE Marie aregera indishyi zingana na miliyoni magana abiri(200.000.OWFrv) ;

RUMAZE kumva SHYAKA Wellars aregera indishyi zingana na miliyoni mirongo itanu(50.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva Doroteya MUKAMURARA aregera indishyi zingana na Miliyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw)

RUMAZE kumva na none J.M.V. NGABONZIZA aregera indishyi zingana na miliyoni ijana (100.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva ko izo ndishyi zose zituruka ku bantu n'ibintu byabo byangiritse ;

Rusanze Konseye SEBIZIGA ibyo avuga ngo dosiye ni impimbano nta shingiro bifite nk'uko byemejwe n'imikono yashyize ku mpapuro z'iperereza kugeza kuzo guhamagarwa aza kuburana ;

Rusanze SEBIZIGA ibo yitwaza byo gushaka umwunganira atari impamvu yo kutaburana kuko yari afite igihe gihagije cyo gushaka umwunganira ;

Rusanze SEBIZIGA yaragaraje agasuzumiro imbere y'ubushinja-cyaha n'Urukiko ; ari ukugira ngo ajijishe ibyo aregwa ;

Rusanze SEBIZIGA yarateguye umugambi wo gutsemba abatutsi nk'uko yahamagariraga abahutu gukura amato mu ruzi igihe cyose habaga impamvu z'umutekano cyangwa z'amoko ;

Rusanze SEBIZIGA yarakoresheje amanama akangurira abahutu kwica abatutsi n'abataravuzaga rumwe nabo ;

Rusanze SEBIZIGA yarakomye imbarutso y'ubwicanyi atera inkota SINGAYIRIMANA ku mugaragaro ngo abere urugero abaturage gushyira mu bikorwa uwo mugambi ;

Rusanze SEBIZIGA ku italiki ya munani Mata/94, nka Konseye yarategetse abatura be gukura amato mu ruzi ngo abatutsi batambuka bajya i Burundi ;

Rusanze nyuma y'inama SEBIZIGA yakoresheje muri Segiteri ye n'ahandi, abaturage barashyize mu bikorwa umugambi yateguye wo kwica abatutsi nk'uko bigaragara mu mpfu za -BUTERA -IRYIVUZE -NYIRANDEGEYA -GATERA -MASANDARI ANDEREYA n'abandi benshi.

Rusanze MAGURU JEAN Baptiste yarubahirije inama mbi za SEBIZIGA, zibashishikariza kwica abatutsi ;

Rusanze MAGURU yaragiye gukura amato ku ruzi ngo abatutsi batambuka naho arimo arajijisha ngo ntiyari azi intego yabyo ;

Rusanze MAGURU nta muganbi wo gucikisha BUTERA yari afite ahubwo ko ari ukumuyoborera mu gitero kiribumwice, kuko aricyo na none cyamwishe ;

Rusanze MAGURU ari mu bishe BUTERA nk'uko uwo mugambi wagezweho nyuma y'icyo yita kumucikisha ;

Rusanze na none MAGURU umugambi ari uwakera wo kwica abatutsi nk'uko bigaragazwa n'umwe mu bagabo bari baturanye ubwo yazaga gushaka BUTERA muri 93 ;

Rusanze NTIRENGANYA Vénuste alias NTEMBAGARE yiyemerera ko yagiye gukura amato mu ruzi, bigaragaza ko yari azi umugambi w'intego y'icyo gikorwa ;

Rusanze NTIRENGANYA yari mu gitero cyahitanye IRYIVUZE nk'uko NTAHIREMEYE utarihishaga yamwiboneye ;

Rusanze imyiregurire ye idahwitse nko kuvuga ngo hari ibyo bapfaga, akanavuga ngo hari ibyo bapfaga, akanavuga ngo nta kimenyetso kigaragaza ko yamuteye icyuma ;

Rusanze MBARUSHIMANA Matusela ibyo ahakana ko urupfu ataruzi nta shingiro bifite ari ukujijsha ;

Rusanze MBARUSHIMANA yarabaye mu gitero cyahitanye BUTERA nk'uko abyiyemerera avuga ko NKAKA yapfuye kwiyemeza kumwica ngo nashaka azamubazwe ;

Rusanze RYIVUZE yemera ko mu iyicwa rya BUTERA yari ahari ;

Rusanze RYIVUZE asaba imbabazi ngo ko yahagaze akanabona uko BUTERA yapfuye ;

Rusanze HAVUGIMANA alias MASITIMU, kwihakana urupfu rwa NYIRANDEGEYA ngo inyandiko?mvugo ari impimbano bidafite ishirigiro kuko yayisomeye akanayishyiraho umukono ;

Rusanze HAVUGIMANA kwihakana urupfu rwa NYIRANDEGEYA ngo ubwo atabishinjwa n'uwo muri selire yabo bidafatika kuko bicaga mu selire yose aho bagze ;

Rusanze indishyi ziregerwa n'ubushinja-cyaha zigomba kuryozwa abo bashinjwa ;

Rusanze indishyi ziregerwa n'abaturage zagenwa kubagaragaje ibyemezo bibahesha uburenganzira bwo kuziregera ;

Rusanze na none abatarabigaragaje baregera izo ndishyi mu Rukiko Rusanzwe ;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE RUBONYE, abashinjwa bahari, ubushinja?cyaha buhagarariwe na BALIMA Anastase hamwe na André, Abashinja?cyaha mu Rukiko rwa Mbere rv'Iremezo ;

RUSHINGIYE ku Itegeko?Teka n°08/75 kuva 12/02/1975 ingingo ya Kabiri ry'Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho guhana itsemba-bwoko n'itsembatsemba mu Rwanda ; Itegeko?Ngenga N°08/96 ryo kuwa 30/08/1996 ;

RUSHINGIYE ku ngingo za 91, 312 z'igitabo cya mbere(l) n'icya kabiri(2) cy' amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ;

RUSHINGIYE na none ku ngingo za 201, 282, 283 z'igitabo cya II cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ;

RUSHINGIYE ku ngingo ya 27 na 30 z'Itegeko-Ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/08/1996 rigena imitunganyirize n'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba hamwe n'ibyaha byibasiye inyoko?muntu byakozwe kuva taliki ya 1/10/1990 n'iya 31 ukuboza 1994, ingingo ya 2 y'Itegeko?Ngenga ;

Rwemeje ko ibyaha SEBIZIGA na bagenzi be bashinjwa bifite ishingiro ;

Rwemeje ko ibyaha bitanu(5) bashinjwa bibahama nk'uko byanditwe mu kirego bikaba byarakozwe mu mpurirane mboneza ?mugambi ariyo mpamvu bagomba guhanishwa igihano kirusha ibindi gukomera ;

Rwemeje ko SEBIZIGA na bagenzi be baha :
1. ZIGAMA J.Damascène 20.000.000 Frw
2. HANYURWUMUTIMA Innocent 7.000.000 Frw
3. MUKANTWALI Liberata 25.000.000 FRw
4. NIYIBIZI 10.000.000 Frw
5. NYIRAMBARUSHIMANA Annonciata 12.000.000 Frw
6. RUTABURINGOGA Michel 5.000 .000 Frw
7. SHYAKA W 10.000.000 Frw

8. BAYINGANA Célestin 500.000 Frw
9. MUKAMURARA Dorothée 700. 000 Frw
10. MUKASHYAKA P. 12.000.000 Frw
11. NGABONZIZA J.M.V. 20.000.000 Frw
12.KARAMAGA Innocent 20.000.000 Frw

RUKIJIJE ko SEBIZIGA atsinzwe, akaba ashyizwe mu rwego rwa rwego 1 agace a), b) ;

RUMUHANISHIJE igihano cy'Urupfu ;

Rukijije ko MAGURU Jean Baptiste na NTIRENGANYA Vénuste batsinzwe, bashyizwe mu rwego rwa 2 ;

RUBAHANISHIJE igifungo cya Burundu

RUKIJIJE ko MBARUSHIMANA atsinzwe, ashyizwe mu rwego rwa 2 ;

Rumuhanishije igihano cy'imyaka 20 ;

Rukijije ko HAVUGIMANA na RYIVUZE batsinzwe, bashyizwe mu rwego rwa 2

Rubahanishije igifungo cy'icyaka 10 ;

Rutagetse ko SEBIZIGA Yasoni na bagenzi be batanga amagarama y'urubanza angana n'ibihumbi makumyabiri (20.000Frw) by'amanyarwanda ;

Rutegetse ko umutungo wabo bose aho uri hose ufatirwa ;
Rutegetse ko SEBIZIGA yamburwa uburenganzira afite mu gihugu ;

Rutegetse ko MAGURU ? HAVUGIMAHA ? NTIREGNYA - RYIVUZE na MBARUSHIMANA, bamburwa uburenganzira buvugwa mu gingo ya 66 y'igitabo cy'amategeko ahana mu duce twa 2, 3, 5 ;

URUKIKO MU BUSHISHOZI BWARWO ;

Rutegetse ko SEBIZIGA atanga indishyi zingana n'igice cya Miliyari (500.000Frw) zisabwa n'ubushinja?cyaha ;

Rutegetse ko MAGURU na NTIRENGANYA batanga indishyi zingana na miliyoni magana abiri na mirongo itanu(250?000?000Frw) zisabwa n'ubushinja?cyaha ;

Rutegetse ko MBARUSHIMANA atanga indishyi zingana na Miliyoni ijana na makumyabiri n'eshanu(125.000.000 Frw) zisabwa n'ubushinja?cyaha ;

Rutegetse ko HAVUGIMANA na RYIVUZE batanga indishyi zingana na Miliyoni ijana na makumyabiri n'eshanu(125.000.000 Frw) ; zisabwa n'ubushinja?cyaha ;

Ruvuze ko ijurira ari iminsi cumi n'itanu(15) ibarwa uhereye ku isomwa ry'urubanza.

NI UKO RUKIJIJWE MU RUHAME RWA BENSHI N'URUGEREKO RWIHARIYE MU RUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA NYAMATA RURI I NYAMATA NONE KUWA 28/10/1997 RUGIZWE NA : SEBABAGABO B. James Perezida ; NDAKIZE na MUHOZA : JUJI ; Ubushinja?cyaha BALINDA na KAGWA ; Umwanditsi : NIMBESHAHO E.

JUJI : PEREZIDA : JUJI : UMWANDITSI :

Ndakize Michel Sebagabo B. James Muhoza N. Félix Nimbeshaho Espérance

Sé Sé Sé Sé

MBYANDUKUYE UKO BYANDITSE, NONE KUWA 03/08/1998.

Umwanditsi UMUPFASONI Drocella.
Sé

u Rukiko Rwa Mbere Rw'Iremezo Rwa Nyamata, 28.10.1997

MINISTERE PUBLIC C/ SEBIZIGA JASON ET CSRTS
NYAMATA, 28/10/1997

RMP N° 101743/S1/BA/NMTA
RP 020/97/cs/NMTA Kgli

URUGEREKO RWIHARIYE MU RUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA NYAMATA, RURI I NYAMATA, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'ITSEMBA-BWOKO N'ITSEMBATSEMBA N'IBINDI BYAHA BYIBASIYE INYOKO-MUNTU RWAKIJIJE URUBANZA RP 020/97/CS/NMTA /Gde MU BURYO BUKURIKIRA :

IKIZA RY'URUBANZA MU RUHAME RYO KUWA 28/10/1997.

UMWIRONDORO W'ABASHINJWA :

1. SEBIZIGA Yasoni mwene RWABINIGA na NYIRANZIZA wavutse 1940 avukira Musange Gikongoro akaba atuye Murama RUTONDE Ngenda- Kigali?Ngali arubatse, ni se w'abana 9, Konseye wa Rutonde utagira icyo atunze, kandi ufunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 22/l/1997.

2.MAGURU Yohani Batisita mwene RUBUZINDA na MUKAWERA wavutse 1951 avukira Shami ? Rutonde ? Ngenda ? Kigali?Ngali akaba ari naho atuye, arubatse, se w'umwana umwe, umuhinzi utagira icyo atunze kandi ufunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 22/l/1997.

3. HAVUGIYMA François mwene RUBYANDALI na NYIRAMISAGO, wavutse 1966 avukira Shami- Rutonde, selire Rusamaza, NGenda, Kigali? NGALI, akaba ari naho atuye, arubatse

ni se wéabana 3 umuhinzi utagira icyo atunze kandi ufunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 23/l/1997.

4. NTIRENGANYA Venuste alias NTEMBAGARE mwene MUHASHYI na MUKANDEKEZI wavutse 1975avukira Rusamaza ? Rutonde ? Ngenda ? Kigali?Ngali, ingaragu utagira icyo atunze kandi afunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 23/l/1997.

5. LYIVUZE Saveri mwene NTABUTAKABONA na NARAMR wavutse 1970 avukira Shami ? Rutonde Ngenda ? Kigali?Ngali, akaba ari naho atuye, arubatse se w'abana 3 umuhinzi utagira icyo atunze kandi afunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 22/l/1997.

6. MBARUSHIMANA Matusela mwene MUNYAKAYANZA Eliakima na NYIRANSHUTI Bertine wavutse 1967 avukira Mwendo, Perefegitura Kibuye, akaba atuye Rutonde Selire Kankuringoma, arubatse ni se w'abana 2, umuhinzi utagira icyo atunze kandi ufunzwe by'agateganyo guhera taliki ya 1/2/97.

II. IBYO BAREGWA

1.Kuba bari i Rutonde, Komini Ngenda, Perefegitura ya Kigali-Ngali mu Rwanda, ku mataliki ataramenyekanye neza, ali hagati ya 7 Mata na 15 Gicurasi 1994 nk'uko byari bimeze mu Rwanda hose icyo gihe, mu gushyira mu bikorwa umugambi waliho wo gutsemba abatutsi n'abahutu batavugaga rumwe na Leta yari iriho ali gatozi, bafatanyije cyangwa se bamwe ali ibyitso by'abandi nk'uko biteganywa n'ingingo za 89, 90 na 91 z'igitabo cya mbere cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, babishaka kandi ku bw'ubugome balishe abaturage b'abatutsi babaziza gusa ko ali abatutsi.

Kuli SEBIZIGA Yasoni wenyine :

Kuba muri ibyo bihe n'ahantu hamwe yitwaje umwanya w'ubuyobozi mu rwego rwa Segiteri ya Rutonde yohereje abaturage b'abahutu kwica bagenzi babo b'abatutsi. Icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba giteganywa kandi gihanishwa itegeko?Teka n°08/75 ryo kuwa 12/2/1975 n'Itegeko?Ngenga n°08/96 ryo kuwa 30/8/96.

B. Kuba bali ahantu hamwe, igihe kimwe no ku buryo bumwe n'ubwavuzwe haruguru barishe abaturage b'abatutsi, babishaka kandi babitekerejeho igihe gihagije : Icyaha cy'ubufatanya?cyaha, cy'ubuhotozi : ingingo za 89, 90, 91 na 312 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

C. Kuba bari hamwe, mu bihe bimwe no ku buryo bumwe n'ibyavuzwe haruguru, bafatanije gukora icyaha kiyogoza igihugu giteganwa kandi gihanwa n'ingingo ya 169 y'igitabo cya 2 cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

D.Kuba Sebiziga Yohani ali aho hantu nanone muli ibyo bihe yarakomerekeje abishaka SINGAYIRIMANA, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 318 igika cya 2 y' igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

E. Kuba nanone Sebiziga Yohani ali aho hantu nanone mu bihe bimwe n'ibyavuzwe haruguru yari atunze imbunda ku buryo butemewe n'amategeko, icyaha gitaganywa kandi gihanishwa itegeko-teka n° 12/79 ryo kuwa 7/5/1979.

URUKIKO :

RUMAZE kubona ibarwa ya Prokireri wa Repubulika n° 45/D10/A/Proré yo kuwa 2/5/1997 yandikiye Perezida w'Urugereko Rwihariye mu Rukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Nyamata amwohererereza dosiye y'urubanza RP N° 101743/S1/BA/Mnta ya SEBIZIGA Yasoni na bagenzi be, amusaba ngo ruzaburanishwe ;

RUMAZE kubona ko iyo dosiye yanditswe mu gitabo cy'ibirego by'itsembabwoko n'itsembatsemba cy'Urugereko rwihariye rwo mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Nyamata kuri RP N° 020/97/CS/Nmta/Gde ; nyuma Perezida warwo agafata icyemezo cy'uko iburanishwa kuwa 20/10/97, uwo munsi ukamenyeshwa ushinjwa n'ubushinja-cyaha ;

RUMAZE kubona ko uwo munsi ugeze, abashinjwa bitabye Urugereko Rwihariye nk'uko babimenyeshejwe n'urubanza rukaburanishirizwa mu ruhame, abashinjwa biburanira ku giti cyabo, ubushinja-cyaha buhagarariwe na Balinda Anastase, na Kagwa, Abashinja ba Mbere mu Rugereko Rwihariye rwa Nyamata.

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha bushinja SEBIZIGA Yasoni, MAGURU, HAVUGIMANA, NTIRENGANYA, RYIVUZE, na MBARUSHIMANA, ibyaha by'Itsembabwoko n'itsembatsemba nk'uko biteganywa n'amategeko; Itegeko-teka n° 08/75 ryo kuwa 12/02/1975; Ingingo ya 2 y'amategeko agenga Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho kuzacira imanza abakoze itsembabwoko n'itsembatsemba mu Rwanda ;
Ingingo ya 2 y'Itegeko-Ngenga n° 08/90 ryo kuwa 30/08/1996 ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA Yasoni, MAGURU, HAVUGIMANA, NTIRENGANYA, RYIVUZE na MBARUSHIMANAbakurikiranywaho icyaha cy'ubufatanya-cyaha bw'ubuhotozi giteganwa n'ingingo ya 91, 312 z'igitabo cy'amategeko ahana mu Rwanda ;

RUMAZE kumva abashinjwa icyaha kiyogoza igihugu giteganywa kandi gihanywa n'ingingo ya 168 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana mu Rwanda ;

RUMAZE kumva kuri Sebiziga wenyine yarakomerekeje abishaka SINGAYIRIMANA, icyaha gihanishwa ingingo ya 318, igika cya 2 y'igitabo cya II cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA ko yari atunze imbunda mu buryo buemawe n'amategeko : Icyaha giteganywa kandi kiganishwa Itegeko-teka n° 12/79 ryo kuwa 7/5/1979 ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA avuga ko ataburana ngo dosiye ye ni impimbano, impapuro yabarijweho mu iperereza yashyizeho umuko,no atazzibonye ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha buvuga ko dosiye atari impimbano ; kubera ko impapuro yabarijweho zitangwa mu nzego z'iperereza zibigenewe ;

RUMAZE kumva akomeza kuvuga ko ataburana ngo yashatwe umuhagararira, akaba yari afite igihe gihagije cyo kuba yaramushakishije atari impamvu zituma urubanza rusubikwa

RUMAZE kumva na none SEBIZIGA avuga ko iminsi yo kwiga dosiye itari ihagije : iminsi 4 ;

RUMAZE kumva MAGURU Jean Baptiste umwe mu baburana yiyemerera neza ko ltsembatsemba ritangira, ryatangijwe na Konseye SEBIZIGA mu gihe yateye icyuma SINGAYIRIMANA ku mugaragaro kugira ngo bibere abaturage urugero rwo kwica ;

RUMAZE kumva na none NTIREGANYA Venuste avuga ko Konseye SEBIZIGA ariwe watanze itegeko ryo gukura amato mu ruzi ngo abatutsi batambuka bagahungira i Burundi ;

RUMAZE kumva Havugimana yemera ko SEBIZIGA ari we wabashishikarije gutsemba abatutsi n'abahutu batavugaga rumwe nabo ;

RUMAZE kumva RYIVUZE yemera ko SEBIZIGA ari we wakomye imbarutso atera icyuma SINGAYIRIMANA amukuye mu ruzi ;

RUMAZE kumva MBARUSHIMANA yemera na none ko Konsoye SEBIZIGA ari we wateguye ubwicanyi akanabugaragaza atera umuntu icyuma ngo bibere abaturage urugero ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA yanga kwiregura ku byo bagenzi be bamushinja, agakomeza avuga ko dosiye ye ari impimbano ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha busaba ko habazwa abagabo biboneye ku mugagaragaro ibyo Konseye SEBIZIGA yakoze ;

RUMAZE kumva umugabo DUSABIMANA Jean Pierre yemEza ko ku italiki ya 8/Mata/94, SEBIZIGA yaje mu modoka ya MURANGWA Justin agakoresha inama avuga ati :
"Nta bindi umunsi ni uyu wo kwica abatutsi", ari nabwo yateraga SINGAYIRIMANA inkota hanyuma abaturage bagakomeza gushyira mu bikorwa umugambi wo kwica abatutsi, ubwo ni bwo bishe BUTERA, Jeanne, RYIVUZE wari wihishe kwa KONSOLATA;

RUMAZE kumva HANYURWUMUTIMA Innocent avuga ko ubwe yibonoye igitero cyari cyiyobowe na SEBIZIGA kikica se, nyina na barumuna be batanu(5) ;

RUMAZE kumva MUKANTWALI Liberata yemeza neza ko yibonoye SEBIZIGA ku ga centre k'iwabo avuga ati : "ntimuzi ibyo muri 59?" aba azamuye inkota ayitera mwene RUGANGARE, ubwo abandi bahita batangira kwica. Muri icyo gihe hapfa MASANDARI, ANDEREYA n'abandi bensshi ;

RUMAZE kumva na none MUKANTWARI akomeza imvugo ya SEBIZIGA ati : "ntimukarye inka cyangwa ngo musahure iby'umuntu mutarica", kugirango abashishikarize kwica bibahesha kurya imitungo y'abandi nta nkurikizi ;

RUMAZE kumva uwitwa ZIGAMA Jean Damascène avuga ko mu kwakira 93, yaremesheje inama i Rutonde ngo : "umututsi wese ni inkotanyi kandi ko bagiye kumara abahutu" ;

RUMAZE kumva kandi ZIGAMA Jean Damamène akomeza avuga ati : "abahutu bose bo muri Segiteri ye bagomba gufata imipanga bakica". Avuye muri iyo nama yahise amanukana n'abambari be bakica abo mu muryango wa ZIGAMA ;

RUMAZE kumva N.MBARUSHIMANA Annociata yemeza ko italiki ya 08 Mata, SEBIZIGA yaje mu modoka ya GAKUMBA muri Segiteri Rusamaza aravuga ati : abandi bakoze dore urugerero ni inkota yateye SINGAYIRIMANA ati namwe mukomereze aho. Muri ako kanya bamanura RYIVUZE murumuna wa SINGAYILIMANA bamuhondera haruguru y'urugo ;

RUMAZE kumva RUTABURINGOGA Michel ashimangira imvugo yavuzwe na N.MBARUSHIMANA ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA akomeza ahakana ko ataburana hakomeza habazwa aba bakurikira :

RUMAZE kumva MAGURU Jean Baptiste yiyemerera ko bakuye amato mu ruzi ariko kugeza ubu atiyumvisha impamvu yo kuyakura mu ruzi ;

RUMAZE kumva MAGURU avuga ko yicishije BUTERA ariko akajya kugwa mu gitero kiri mu nzira yamunyujijemo ;

RUMAZE kumva N.MBARUSHIMANA Anonciata ahamya ko BUTERA yajyanywe na MAGURU na BUHINJA ngo bagiye gukura amato bamwizeza ko bamwambutsa akajya i Burundi ; nyuma bakamujyana kwa MAZIMPAKA bamucunaguza ngo niyongere ajye kwiga imbunda avugire no kuri message ahamagare inkotanyi, maze bakaza kumwica ;

RUMAZE kumva NYIRAMBARUSHIMANA akomeza avuga ko ubugome bwa MAGURU ari ubwa 93 ubwo yazaga kubahiga mu rugo abaza ko BUTERA ragiye, ngo yatumwe na Konseye ;

RUMAZE kumva RUTABURINGOGA Michel yemeza ko MAGURU na BUHINJA aribo bajyanye BUTERA ngo bagiye kumwambutsa maze bakamushyikiriza MAZIMPAKA akamwica ;

RUMAZE kumva NIYIBIZI yemeza ko MAGURU na BUHINJA bazamukanye BUTERA akavuga ko BUERA amaze gupfa MAGURU yazanye na bagenzi be kumuhembesha ngo bakize muramu we ;

RUMAZE kumva NTIRENGANYA Venuste yiyemerera ko bagiye gukura amato mu ruzi ku iteguko rya Konseye;

RUMAZE kumva NTIRENGANYA yemeza ko yishimiye ko Urukiko rwageze ku baturage bo mu nzego zo hasi kugira ngo ruhakure ukuri kugaragara ku byabereye muri Segiteri yabo ;

RUMAZE kumva N.MBARUSHIMANA yemeza ko NTIRENGANYA alias NTEMBAGARE yari mu gitero cyishe IRYIVUZE ;

RUMAZE kumva NTAHIREMEYE Marie yemeza ko NTIRENGANYA yari mu gitero cyishe IRYIVUZE akanabwira bagenzi be ngo :"barandure urwiri" ;

RUMAZE kumva NTAHIREMEYE Marie atahungaga ko atari mu bahunga akanabasaba kumwica, bakanga ;

RUMAZE kumva RYIVUZE Xavier yiyemerera ko yabonye aho NKAKA na MAZIMPAKA bata Butera mu ruzi, NKAKA amaze kumutema ;

RUMAZE kumva RYIVUZE Xavier asaba imbabazi ngo ko yabonye aho bata Butera mu ruzi ;

RUMAZE kumva N. MBARUSHIMANA yemeza ko RYIVUZE yari mu bishe BUTERA .

RUMAZE kumva HAVUGIMANA yihakana urupfu rwa N. NDEGEYA ashingiye ko abagabo bari baturanye nawe batamumushinja, akaba amushinjwa n'uvuye mu yindi selire;
RUMAZE kumva HAVUGIMANA avuga ko urupfu rwa N.NDEGEYA bavuga ngo yaramufashe amushyira umutwa witwa NZITUNGA akamwica atabyemera, ari ukumubeshyera ;

RUMAZE kumva HAVUGIMANA yiyemerera ko yagiye gukura amato mu ruzi ;

RUMAZE kumva MBARUSHIMANA Matusela yiyemerera ko yazamukanye n'abishe BUTERA, - NKAKA, - GASASIRA, - RYIVUZE; yumva NKAKA yigamba ngo "Ndamwishe" ;

RUMAZE kumva RYIVUZE ahamya ko MBARUSHIMANA ari we wazanye ikote rya BUTERA amaze gupfa ;

RUMAZE kumva SEBIZIGA avuga ko ataburanye ngo dosiye ni impimbano ;

RUMAZE kumva MAGURU Jean Baptiste ahakana ko atari mu bishe BUTERA, akavuga ko BUTERA yaguye mu gitero cya MAZIMPAKA .

RUMAZE kumva NTIRENGANYA avuga ko mu rupfu rwa RYIVUZE ashinjwa, nta hantu hagaragaza ko yamukubise ifuni ;

RUMAZE kumva NTIRENGANYA akomeza avuga ko hari icyo bapfa mbere y'intambara ngo kuba barateye imodoka ya Burugumesitiri amabuye, nyuma bakaza gufungwa ngo NTIRENGANYA akaba ariwe wareze BUTERA nawe agafungwa ;

RUMAZE kumva RYIVUZE Xavier yiyemerera ko BUTERA apfa yari ahari, ariko ngo ntacyo yakoze ;

RUMAZE kumva MBARUSHIMANA avuga ko ngo bamubeshyera ngo umurambo wa BUTERA atawubonye, akavuga ko ngo n'ikote ataribonye ;

RUMAZE kumva MBARUSHIMANA yemaza ko yasanze NKAKA, - RYIVUZE - GASASIRA bagiye kwica BUTERA nyuma NKAKA akanamwica mu maso ya MBARUSHIMANA ;

RUMAZE kumva HAVUGIMANA ahakana urupfu rwa NYIRANDEGEYA ashinjwa ko atanazi uko yapfuye ;

RUMAZE kumva avuga ko inyandiko-mvugo yakozwe ku byrekeye urwo rupfu ari impimbano ;

RUMAZE kumva ubushinja-cyaha buregera indishyi z'abantu batamenyekanye n'ibintu byasahuwe n'amatungo yariwe zingana na 2.000.000.000 (miliyari ebyiri) z'amafaranga y'u Rwanda ;

RUMAZE kumva na none HANYURWUMUTIMA Innocent aregera indishyi Miliyoni mirongo itatu n'eshanu z'abantu n'ibintu bye byarigiritse (35.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva MUKANTWALI Liberata aregera indishyi zingana na miliyoni mirongo atanu (500.000.00OFrw) ;

RUMAZE kumva ZIGAMA Jean Damascène aregera indishyi zingana na Miliyoni mirongo itanu (50.000.00OFrw) ;

RUMAZE kumva NIYIBIZI aregera indishyi zingana na Miliyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw)

RUMAZE kumva na none NYIRAMBARUSHIMANA Annonciata aregera indishyi zingana na miliyoni mirongo itandatu (60.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva kandi RUTABURINGONGA Michel aregera indishyi zingana na 20.000.000 Frw (miliyoni makunyabiri) ;

RUMAZE kumva na none UKUBEREYIMFURA Stéphanie aregera indishyi zingana na Miliyoni mirongo irindwi(70.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva KARAMAGA Innocent aregera indishyi zingana na miliyoni ijana (100.000.000 Frw)

RUMAZE kumva BAYIMAMA Célestin aregera indishyi zingana na ibihumbi magana inani(800.000Frw) ;

RUMAZE kumva MUKASHYAKA Polina aregera indishyi zingana na Miliyoni mirango itandatu (60.000.000Frw) ;

RUMAZE kumva NTAHIREMEYE Marie aregera indishyi zingana na miliyoni magana abiri(200.000.OWFrv) ;

RUMAZE kumva SHYAKA Wellars aregera indishyi zingana na miliyoni mirongo itanu(50.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva Doroteya MUKAMURARA aregera indishyi zingana na Miliyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw)

RUMAZE kumva na none J.M.V. NGABONZIZA aregera indishyi zingana na miliyoni ijana (100.000.000 Frw) ;

RUMAZE kumva ko izo ndishyi zose zituruka ku bantu n'ibintu byabo byangiritse ;

Rusanze Konseye SEBIZIGA ibyo avuga ngo dosiye ni impimbano nta shingiro bifite nk'uko byemejwe n'imikono yashyize ku mpapuro z'iperereza kugeza kuzo guhamagarwa aza kuburana ;

Rusanze SEBIZIGA ibo yitwaza byo gushaka umwunganira atari impamvu yo kutaburana kuko yari afite igihe gihagije cyo gushaka umwunganira ;

Rusanze SEBIZIGA yaragaraje agasuzumiro imbere y'ubushinja-cyaha n'Urukiko ; ari ukugira ngo ajijishe ibyo aregwa ;

Rusanze SEBIZIGA yarateguye umugambi wo gutsemba abatutsi nk'uko yahamagariraga abahutu gukura amato mu ruzi igihe cyose habaga impamvu z'umutekano cyangwa z'amoko ;

Rusanze SEBIZIGA yarakoresheje amanama akangurira abahutu kwica abatutsi n'abataravuzaga rumwe nabo ;

Rusanze SEBIZIGA yarakomye imbarutso y'ubwicanyi atera inkota SINGAYIRIMANA ku mugaragaro ngo abere urugero abaturage gushyira mu bikorwa uwo mugambi ;

Rusanze SEBIZIGA ku italiki ya munani Mata/94, nka Konseye yarategetse abatura be gukura amato mu ruzi ngo abatutsi batambuka bajya i Burundi ;

Rusanze nyuma y'inama SEBIZIGA yakoresheje muri Segiteri ye n'ahandi, abaturage barashyize mu bikorwa umugambi yateguye wo kwica abatutsi nk'uko bigaragara mu mpfu za -BUTERA -IRYIVUZE -NYIRANDEGEYA -GATERA -MASANDARI ANDEREYA n'abandi benshi.

Rusanze MAGURU JEAN Baptiste yarubahirije inama mbi za SEBIZIGA, zibashishikariza kwica abatutsi ;

Rusanze MAGURU yaragiye gukura amato ku ruzi ngo abatutsi batambuka naho arimo arajijisha ngo ntiyari azi intego yabyo ;

Rusanze MAGURU nta muganbi wo gucikisha BUTERA yari afite ahubwo ko ari ukumuyoborera mu gitero kiribumwice, kuko aricyo na none cyamwishe ;

Rusanze MAGURU ari mu bishe BUTERA nk'uko uwo mugambi wagezweho nyuma y'icyo yita kumucikisha ;

Rusanze na none MAGURU umugambi ari uwakera wo kwica abatutsi nk'uko bigaragazwa n'umwe mu bagabo bari baturanye ubwo yazaga gushaka BUTERA muri 93 ;

Rusanze NTIRENGANYA Vénuste alias NTEMBAGARE yiyemerera ko yagiye gukura amato mu ruzi, bigaragaza ko yari azi umugambi w'intego y'icyo gikorwa ;

Rusanze NTIRENGANYA yari mu gitero cyahitanye IRYIVUZE nk'uko NTAHIREMEYE utarihishaga yamwiboneye ;

Rusanze imyiregurire ye idahwitse nko kuvuga ngo hari ibyo bapfaga, akanavuga ngo hari ibyo bapfaga, akanavuga ngo nta kimenyetso kigaragaza ko yamuteye icyuma ;

Rusanze MBARUSHIMANA Matusela ibyo ahakana ko urupfu ataruzi nta shingiro bifite ari ukujijsha ;

Rusanze MBARUSHIMANA yarabaye mu gitero cyahitanye BUTERA nk'uko abyiyemerera avuga ko NKAKA yapfuye kwiyemeza kumwica ngo nashaka azamubazwe ;

Rusanze RYIVUZE yemera ko mu iyicwa rya BUTERA yari ahari ;

Rusanze RYIVUZE asaba imbabazi ngo ko yahagaze akanabona uko BUTERA yapfuye ;

Rusanze HAVUGIMANA alias MASITIMU, kwihakana urupfu rwa NYIRANDEGEYA ngo inyandiko?mvugo ari impimbano bidafite ishirigiro kuko yayisomeye akanayishyiraho umukono ;

Rusanze HAVUGIMANA kwihakana urupfu rwa NYIRANDEGEYA ngo ubwo atabishinjwa n'uwo muri selire yabo bidafatika kuko bicaga mu selire yose aho bagze ;

Rusanze indishyi ziregerwa n'ubushinja-cyaha zigomba kuryozwa abo bashinjwa ;

Rusanze indishyi ziregerwa n'abaturage zagenwa kubagaragaje ibyemezo bibahesha uburenganzira bwo kuziregera ;

Rusanze na none abatarabigaragaje baregera izo ndishyi mu Rukiko Rusanzwe ;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE RUBONYE, abashinjwa bahari, ubushinja?cyaha buhagarariwe na BALIMA Anastase hamwe na André, Abashinja?cyaha mu Rukiko rwa Mbere rv'Iremezo ;

RUSHINGIYE ku Itegeko?Teka n°08/75 kuva 12/02/1975 ingingo ya Kabiri ry'Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho guhana itsemba-bwoko n'itsembatsemba mu Rwanda ; Itegeko?Ngenga N°08/96 ryo kuwa 30/08/1996 ;

RUSHINGIYE ku ngingo za 91, 312 z'igitabo cya mbere(l) n'icya kabiri(2) cy' amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ;

RUSHINGIYE na none ku ngingo za 201, 282, 283 z'igitabo cya II cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ;

RUSHINGIYE ku ngingo ya 27 na 30 z'Itegeko-Ngenga n° 08/96 ryo kuwa 30/08/1996 rigena imitunganyirize n'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba hamwe n'ibyaha byibasiye inyoko?muntu byakozwe kuva taliki ya 1/10/1990 n'iya 31 ukuboza 1994, ingingo ya 2 y'Itegeko?Ngenga ;

Rwemeje ko ibyaha SEBIZIGA na bagenzi be bashinjwa bifite ishingiro ;

Rwemeje ko ibyaha bitanu(5) bashinjwa bibahama nk'uko byanditwe mu kirego bikaba byarakozwe mu mpurirane mboneza ?mugambi ariyo mpamvu bagomba guhanishwa igihano kirusha ibindi gukomera ;

Rwemeje ko SEBIZIGA na bagenzi be baha :
1. ZIGAMA J.Damascène 20.000.000 Frw
2. HANYURWUMUTIMA Innocent 7.000.000 Frw
3. MUKANTWALI Liberata 25.000.000 FRw
4. NIYIBIZI 10.000.000 Frw
5. NYIRAMBARUSHIMANA Annonciata 12.000.000 Frw
6. RUTABURINGOGA Michel 5.000 .000 Frw
7. SHYAKA W 10.000.000 Frw
8. BAYINGANA Célestin 500.000 Frw
9. MUKAMURARA Dorothée 700. 000 Frw
10. MUKASHYAKA P. 12.000.000 Frw
11. NGABONZIZA J.M.V. 20.000.000 Frw
12.KARAMAGA Innocent 20.000.000 Frw

RUKIJIJE ko SEBIZIGA atsinzwe, akaba ashyizwe mu rwego rwa rwego 1 agace a), b) ;

RUMUHANISHIJE igihano cy'Urupfu ;

Rukijije ko MAGURU Jean Baptiste na NTIRENGANYA Vénuste batsinzwe, bashyizwe mu rwego rwa 2 ;

RUBAHANISHIJE igifungo cya Burundu

RUKIJIJE ko MBARUSHIMANA atsinzwe, ashyizwe mu rwego rwa 2 ;

Rumuhanishije igihano cy'imyaka 20 ;

Rukijije ko HAVUGIMANA na RYIVUZE batsinzwe, bashyizwe mu rwego rwa 2

Rubahanishije igifungo cy'icyaka 10 ;

Rutagetse ko SEBIZIGA Yasoni na bagenzi be batanga amagarama y'urubanza angana n'ibihumbi makumyabiri (20.000Frw) by'amanyarwanda ;

Rutegetse ko umutungo wabo bose aho uri hose ufatirwa ;

Rutegetse ko SEBIZIGA yamburwa uburenganzira afite mu gihugu ;

Rutegetse ko MAGURU ? HAVUGIMAHA ? NTIREGNYA - RYIVUZE na MBARUSHIMANA, bamburwa uburenganzira buvugwa mu gingo ya 66 y'igitabo cy'amategeko ahana mu duce twa 2, 3, 5 ;

URUKIKO MU BUSHISHOZI BWARWO ;

Rutegetse ko SEBIZIGA atanga indishyi zingana n'igice cya Miliyari (500.000Frw) zisabwa n'ubushinja?cyaha ;

Rutegetse ko MAGURU na NTIRENGANYA batanga indishyi zingana na miliyoni magana abiri na mirongo itanu(250?000?000Frw) zisabwa n'ubushinja?cyaha ;

Rutegetse ko MBARUSHIMANA atanga indishyi zingana na Miliyoni ijana na makumyabiri n'eshanu(125.000.000 Frw) zisabwa n'ubushinja?cyaha ;

Rutegetse ko HAVUGIMANA na RYIVUZE batanga indishyi zingana na Miliyoni ijana na makumyabiri n'eshanu(125.000.000 Frw) ; zisabwa n'ubushinja?cyaha ;

Ruvuze ko ijurira ari iminsi cumi n'itanu(15) ibarwa uhereye ku isomwa ry'urubanza.

NI UKO RUKIJIJWE MU RUHAME RWA BENSHI N'URUGEREKO RWIHARIYE MU RUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA NYAMATA RURI I NYAMATA NONE KUWA 28/10/1997 RUGIZWE NA : SEBABAGABO B. James Perezida ; NDAKIZE na MUHOZA : JUJI ; Ubushinja?cyaha BALINDA na KAGWA ; Umwanditsi : NIMBESHAHO E.

JUJI : PEREZIDA : JUJI : UMWANDITSI :

Ndakize Michel Sebagabo B. James Muhoza N. Félix Nimbeshaho Espérance

Sé Sé Sé Sé

MBYANDUKUYE UKO BYANDITSE, NONE KUWA 03/08/1998.

Umwanditsi UMUPFASONI Drocella.
Sé